# 31: Mutabaz' ubuntu bwawe

1. Mutabaz' ubuntu bwawe Ni jyew' ubukwiriye. Burakiz' abandi cyane; None, nanjye bunzemo.Bunzemo, bunzemo. None, nanjye bunzemo.

2. Data mwiza, Mana yera,Mpora ngucumuraho. Mfit' ibyaha byinshi cyane, Umbabarir' umpire.Bimveho ! Bimveho ! Umbabarir' Umpire.

3. Ntumpiteho, Yesu wanjye;Nkwisunge, nkwiragize ! Mfit' inzara, mfit' inyota, Ndakwinginz’ undengere.Ndengera, ndengera Ndakwinginz' undengere.

4. Mwuka Wer’ ump' umutimaWizey' Umucunguzi; Yes' unyuhagir' ibyaha Mu maraso wavuye.Mboneza, mboneza Mu maraso wavuye.

5. Mwuka Wera, jye nd' impumyi;Ndakwinginz’ umpumure. Ujy' uhamy’ iby'Umukiza; Non' umumpishurire.Nd' impumyi, nd' impumyi! Non' umumpishurire

6. Urukundo rwawe, Yesu, Ruva ku musaraba, Urunyerek' ub' unkize ; Noneh' unyiharire.nkiz'ubu! nkiz'ubu! noneh'unyiharire!

Visit us at indirimbo.com